

URUHONGORE 2013



CONSEIL PROTESTANT DU RWANDA (C.P.R.)

P.o Box 79 Kigali - Rwanda
Telephone :+250 252 583554/583553/585825
Facsimile :+250 252 583554
E-mail : cpr@rwanda1.com
Website : www.cpr-rwanda.org

URUHONGORE 2013

GAHUNDA Y'ISHURI RY'ICYUMWERU RY'ABANA

Mureke abana bato bansange (Matayo 19: 14)

Ibitabo byasohotse

Uruhongore 2010 (Amapaji 60)

Uruhongore 2011 (Amapaji 60)

Uruhongore 2012 (Amapaji 60)

© Conseil Protestant du Rwanda (CPR)
Bureau National de l'Enseignement Protestant (BNEP)

Tout droit de reproduction est réservé au Conseil Protestant du Rwanda

P.O. Box 79 Kigali- Rwanda

Tel.: + 250 252 583554/583553/585825

Fax: +250 252 583554

E-mail: cpr@rwanda1.com

Website: www.cpr-rwanda.org

AMASHAKIRO

Urupapuro

Iriburiro.....	4
Gushimira.....	5
Ishuri ry'icyumweru ry'abana mu Itorero.....	6
Mutarama	8
Gashyantare.....	13
Werurwe.....	18
Mata.....	21
Gicurasi.....	26
Kamena.....	29
Nyakanga.....	35
Kanama.....	40
Nzeri	43
Ukwakira.....	47
Ugushyingo.....	50
Ukuboza	55
Ibitabo byifashishijwe.....	61

IRIBURIRO

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni imwe mu nkingi zikomeye ivugabutumwa mu matorero rigomba kwitaho by'umwihariko. Kugirango iryo vugabutumwa mu bana rikorwe neza, ni ngombwa ko dushyira imbaraga mu guhugura abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana, gushishikariza ababyeyi gutoza abana ubukristo no gutegura imfashanyigisho abarimu bakwifashisha. Ni muri urwo rwego Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda ikomeje gutegura izo nyigisho no guhugura abapasitori n'abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana kugirango abana barusheho kwitabwaho.

Uruhongore 2013 ruje kunganira ibindi bitabo byasohotse mu mwaka wa 2010, uwa 2011 n' uwa 2012. **Iki gitabo kizafasha abigisha kutajarajara mu gihe bategura inyigisho z'abana.** Imirongo yo gufata mu mutwe yandukuwe hakoreshejwe Bibiliya Yera na Bibiliya Ijambo ry'Imana. Barimu, bavugabutumwa mu bana, umuhati wanyu si uw'ubusa ku Mwami wacu Yesu. Imana ikomeze kubafasha mu murimo mwiza yabahamagariye wo kuragira abana b'intama za Yesu Kristo.

Intego nkuru z'ishuri ry'icyumweru ry'abana



Dr. Tharcisse GATWA
Umunyamabanga Mukuru wa CPR

GUSHIMIRA

Turashimira cyane ubwitange bw’abagize umwete wo gutegeza izi nyigisho z’abana b’ishuri ry’icyumweru *“Uruhongore 2013”*. Turashimira n’abazisomye bazikosora, zikaba zarasohotse ku gihe. icyifuzo cyacu ni uko zarushaho kugirira akamaro abana bacu ngo bakurire mu Ijambo ry’Imana.

Imana ibahe umugisha.

Inama y’Abaprotestanti mu Rwanda

Abateguye inyigisho:

Rev. Dr. Appoline Kabera
Rev. Bienvenu Musabyimana
Rev. Pierre Claver Bisanze
Rev. Onesphore Karagire
Mme Immaculée Mukantabana

IMPAMVU Y'ISHURI RY'ICYUMWERU RY'ABANA MU ITORERO

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni uruganda Itorero rikwiye guteguriramo abakristo. Birakwiye ko amatorero atekereza hakiri kare ku nyigisho z'abana kugira ngo bahabwe impamba izabafasha kuba abakristo, niho Itorero rizagira icyizere cy'urubyiruko rukijijwe. Niba amatorero ashaka kwandika ibitazasibama mu mitima y'abakristo, igihe cyo kubikora cyiza ni mu ishuri ry'icyumweru ry'abana (Benoit 1993:11).

Itorero ntiryasimbura umuryango umwana aturukamo. Ariko inyigisho umwana ahabwa n'Itorero zuzuzwa izo ahabwa n'umuryango mu kwita ku burere bwe. Ni iki gituma amatorero adashyira imbaraga mu ishuri ry'icyumweru ry'abana kandi usanga bagize umubare munini w'abakristo baza gusenga? Ni uko badafatwa nk'abakristo b'abanyamumaro? Cyangwa ni umuco w'abanyarwanda wo kudaha abana agaciro gakwiriye wacomereje no mu Itorero? Cyangwa hari izindi ntege nke zihishe inyuma y'icyo kibazo cy'ingutu amatorero agomba kwitaho no gukemura?

Ivugabutumwa mu bana usanga rititabwaho uko bikwiye. Ntabwo ari kenshi wasanga Itorero ryatumiriyeho abana umuvugabutumwa. Ni abapasitori bake muri paruwase bigisha abana mu ishuri ry'icyumweru. Nyamara mu bindi bihugu, hari amatorero yasobanukiye akamaro ko gutegura abana bakiri bato mu nzira ya gikristo. Buri muntu utegurwa kuba umupasitori amenyerezwa kwigisha abana kandi akabikora. Mu gihugu cyacu, usanga hari abigisha abana batarabihuguriye. Inyigisho z'abana usanga n'aho ziri zidahinduka, zisubirwamo igihe kirekire, abana bagera aho bakazirambirwa.

Ni yo mpamvu CPR yiyemeje gutegura no gusohora buri mwaka inyigisho zo gufasha amatorero kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana. Izo nyigisho zikubiye mu gitabo cyitwa « **Uruhongore** ». Mu kongerera ubushobozi abavugabutumwa mu bana, CPR yafashe umugambi wo guhugura abapasitori n'abarimu bigisha ishuri ry'icyumweru ry'abana. Inzira iracyari ndende ariko hari ibimaze kugerwaho. Ku matorero amwe, ishuri ry'icyumweru ry'abana ntirikiri gereza barindiramo abana kugira ngo abakuru babone uko bakurikira inyigisho zabo. Ahubwo ni ivugabutumwa ryita ku mikurire yabo kugirango bagire intumbeho nziza kandi ihamye (Tieche 1966: 149). Kuba amatorero afite abana benshi bitabira kuza mu rusengeru, ni imbaraga zikomeye Itorero rifite rigomba kubumbatira. Yesu ubwe na we yasigiyeho abigishwa be inshingano yo kwita ku bana b'intama ze (Yohana 21:15).

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ritegura abakozi beza b'igihugu n'Itorero. Ni byiza kumenyereza abana inzira bakwiye kunyuramo bakiri bato ngo bazayisaziremo (Imigani 22: 6), bahabwe inyigisho zibafasha kwihana, gusenga, kwera imbuto zikwiriye abihannye, buzuye imbaraga z'Umwuka Wera.

IMIKORESHEREZE Y'IKI GITABO

Ishuri ry'icyumweru ry'abana rirangwa n'ibyiciro bitatu. Buri cyiciro cyagombye gutegurirwa inyigisho mu buryo bujyanye n'imyaka y'abana. Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda ntiragira ubushobozi bwo gutegurira buri cyiciro inyigisho zihariye. **Umwigisha yifashishije uruhongore azajya ahuza buri somo n'ikigero cy'abana yigisha.**

Mu cyiciro cya mbere (kuva ku myaka 3-5), umwarimu yigisha abana Ijambo ry'Imana, yabanje gutegura isomo yifashishije igice cyo muri Bibiliya cyateganyijwe. Akibabwira mu ncamake y'interuro ngufi zikubiyemo amagambo y'ingenzi ashaka kubigisha. Iki cyiciro gisaba kugitegurira by'umwihariko, kuko ibyo ubigisha bisaba ko uba washatse imfashanyigisho zizatuma babyumva neza.

Icyiciro cya kabiri (kuva ku myaka 6-9), ni abana baba biga icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Umwarimu ategurana ubwitonzi ibyo aribubabwire kuko n'ubwo yabasomera, biramusaba gusoma imirongo mike. Incamake y'igice ashaka kwigishaho agomba kuba ayizi neza mbere yo kuyibwira abana. Muri iki cyiciro naho hakenewe imfashanyigisho zibafasha kumva neza isomo.

Icyiciro cya gatatu (kuva ku myaka 10-12), ni abana bamaze gukura bamenyereye gusoma inkuru ndende. Baba batangiye kumva ari abasore n'inkumi. Kwisomera no kuganira na bo ku mirongo yo muri Bibiliya yasomwe birabafasha. Baba batangiye gusobanukirwa neza ibyo basomye. Umwarimu agomba guha umwe mu bana igice kizasomwa akagitahana kugira ngo agitegure neza azagisomere abandi. Ni abana bakwiye gutunga Bibiliya, gutozwa kuyisoma no kumenyerezwa gukora imirimo mu Itorero.

GAHUNDA Y'ISHURI RY'ICYUMWERU RY'ABANA

Muri buri cyiciro hagomba kubamo nibura abarimu 2 buri cyumweru. Ibi bifasha abarimu bashya kumenyerezwa. Buri cyiciro cy'abana gikwiriye kugira abarimu bacyigishamo. Aba barimu bakitoramo ugikuriye kugirango bakurikirane imikurire y'abana bamenye n'abakeneye gufashwa by'umwihariko.

a. Gahunda y'ishuri ry'icyumweru ry'abana

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ntirirenza isaha imwe. Gahunda iba ikubiyemo indirimbo, gusenga, inyigisho ku ijambo ry'Imana, Ubuhamya, umurongo wo gufata mu mutwe n'imikino, gutura n'umukoro. Intego ni ukumenya icyo ushaka kugeraho n'icyo ushaka kugeza ku bana

Ni ngombwa ko mwarimu ategura mbere isomo azigisha, akagira igihe cyo gusenga, gusoma Bibiliya, gushaka imfashanyigisho, agategura n'aho abana bazigira. Isomo ryose rigira intego ifasha umwarimu kumenya icyo ashaka kugeraho n'icyo ashaka kugeza ku bana. Mu gihe mwarimu ategura umurongo abana bazafata mu mutwe, agomba kwibuka gusobanura amagambo akomeye.

b. Ibice by'ingenzi bigize isomo

Umwari mu kwigisha agomba kubahiriza ibice by'ingenzi bigize isomo kandi akubahiriza iminota yagenewe buri gice.

- **Intangiriro y'isomo**

Isomo ryose rigira intangiriro. Hari ibintu by'ingenzi bidashobora kubura mu ntangiriro y'isomo: kwakira abana, kuririmba, gusenga n'ivumburamatsiko. Ivumburamatsiko rishobora kuba inkuru, utubazo ku isomo ry'ubushize, igishushanyo, agakino n'ibindi.

- **Isomo nyirizina**

- a. Gusoma Ijambo ry'Imana
- b. Gusobanura amagambo akomeye
- c. Kuriganiraho n'abana hakoreshejwe imfashanyigisho, utubazo n'udukino, ...
- d. Umukoro wo mu shuri
- e. Kwibutsa abana ingingo z'isomo ry'umunsi.

Icyitonderwa: Ku bana b'icyiciro cya mbere, mu mwanya wo gusoma Ijambo ry'Imana umwarimu ababwira incamake y'ibirikubiyemo.

- **Kwiyerekezaho**

Kwiyerekezaho ni uguhuza inyigisho z'isomo n'ubuzima bwa buri muni. Ni ukuvana mu isomo ryizwe ingero nziza bakurikiza zabafasha gukura mu bukirisito bwabo. Muri iki gice cy'isomo ni ho habonekamo imikino itandukanye ku isomo.

- **Umusozo**

Umusozo ubonekamo ibi bikurikira:

- a. umurongo wo muri Bibiliya wo gufata mu mutwe,
- b. gusenga, kwihana, kuririmba no gutura
- c. guha abana umukoro wo mu rugo

UKWEZI KWA MUTARAMA 2013

Icyumweru cya mbere

Isomo: Isezerano (Itangiriro 31: 43-50)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa:

1. Isezerano icyo ari cyo n'agaciro karyo
2. Ko Imana ari umuhamya w'amasezerano abantu bayo bagirana

Incamake

Labani yari sebukwe wa Yakobo. Bagiranye isezerano ryo kudahemukirana. Isezerano ni icyo abantu bemeranyijweho ndetse bakongeraho indahiro ko batazakirengaho. Nubwo bari bagiye gutura mu bihugu bitandukanye, icyo bari basezeranye bagombaga kucyubahiriza kandi Imana yari umuhamya w'isezerano ryabo. Bashyizeho ikimenyetso kizajya kibibutsa. Yakobo yita aho hantu Yegarisahaduta naho Labani ahita Gileyadi bivuga ngo ikirundo cy'umuhamya.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Bana bato twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri” (1 Yohani 3: 18)

Umukino

Gushyira abana mu matsinda no kubaha udupapuro twanditseho amagambo atandukanye. Muri buri tsinda, abana bakore interuro bahereye ku magambo yanditse kuri kuri twa dupapuro (**Itang 31:31-50**).

a. 

b. 

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Isezerano (Itangiriro 31: 51- 54; 32:1)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:


1. Isezerano riba hagati y'imiryango rigira ingaruka ku bayigize bose
2. Isezerano ry'abayoborwa n'Imana na yo iribera umuhamya

Incamake

Labani na Yakobo bamaze gusezerana ko batazahemukirana bashyizeho ibizajya bibibutsa ko nta we uzagirira undi nabi. Yakobo atamba ibitambo kuri uwo musozi ari kumwe na bene se na Labani, buracya basezeranaho. Buri wese asubirana iwe n'umuryango we.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Wibuke ijambo wasezeranyije umugaragu wawe kuko wanyiringije” (Zaburi 119: 49).

Umukoro wo mu rugo



- a. Shushanya wigana aya masano ushyiremo amazina y'umuryango wawe.
- b. Uzuza aya masano:
 1. Papa wa mama ni.....naho mama wa papa ni
 2. Abo muvukana, abakobwa ninaho abahungu
 3. Umugabo wa mushiki wanjye ni... naho umugore wa musaza wanjye ni.....
 4. Abana ba mushiki wanjye ni naho abana bamusaza wanjye ni

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Ibitambo (1 Abami 8:62-66)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa:

1. Ibitambo icyo ari cyo
2. Isano hagati y'ibitambo n'amaturu dutanga mu rusengero

Incamake


Umwami Salomo yamaze kubaka urusengero, ahamagara ubwoko bw'Abisirayeri ngo bashime Imana. Yatambye igitambo cy'ishimwe yuko bari amahoro. Bamaze iminsi bari imbere y'Uwiteka, nyuma Umwami asezerera abantu basubira mu mahema yabo. Banejejwe n'ineza yose Imana yagiriye Umwami Dawidi se wa Salomo n'ubwoko bwayo Isirayeli.

Umurongo wo gufata mu mutwe : “Nzabwira bene data izina ryawe, nzagushimira hagati y'iteraniro” (Zaburi 22: 23).

Umukoro wo mu rugo:

Soma 1 Abami 8: 62-66 hanyuma wuzuze utu tuziga

a.



b.



Icyumweru cya kane

Isomo:Ibitambo (1 Samweli 15: 20-25)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa

1. Ibyo kumvira Uwiteka
2. Ingaruka zo kutumvira Uwiteka


Incamake

Uwiteka yari yategetse Sawuli kurimbura Abameleki no kutagira ikintu na kimwe cyabo atahana. Sawuli ntiyumvira icyo Imana yamutegetse. Bafashe intama n'inka zarushaga izindi ubwiza barazitahana. Ibyo byatumye Samweli atumwa n'Imana kugaya Sawuli kuko atayumviye, amumenyesha ko akuwe ku ngoma.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Gushyira abana mu matsinda no kubaha udupapuro twanditseho amagambo atandukanye. Muri buri tsinda, abana bakore interuro bahereye ku magambo yanditse kuri twa dupapuro.

Nibamara kuvumbura interuro barayifata mu mutwe buri mwana ayisubiriremo abandi



“Erega kumvira kuruta ibitambo, kandi kwitonda kukaruta ibinure by’amasekurume y’intama”
(1 Samweli 15:22)

Ku bana bo mu cyiciro cya mbere mwarimu arahagarika abana ku ruziga, yongorere buri wese ijambo aribusubiremo nyuma bakore iriya nteruro bavuga amagambo babwiwe noneho bayifate mu mutwe.

Umukoro wo mu ishuri

Gusubiza ibibazo

Vuga izina ry’umwami Imana yari yabujije kugira icyo atahana avuye kurwana

Ese yarumviye?

Ni nde Imana yamutumyeho?

Ni ikihe gihano Imana yahaye uwo mwami kubera kutumvira?

Ese wowe hari igihe wanze kumvira bikakuviramo igihano?

UKWEZI KWA GASHYANTARE 2013

Icyumweru cya mbere

Isomo: Kwizera (Yuda umurongo wa 1-4)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. bagomba kwakira agakiza gatangwa n’Imana
2. kwirinda inyigisho z’ibinyoma

Incamake

Yuda yahuguraga Itorero aryibutsa ko rikwiye kugira umwete wo kurinda kwizera kwabo. Yahuguraga abagize Itorero abibutsa ko hari abigisha b’ibinyoma badutse. Inyigisho zabo n’ibyo bakora byazanaga ibice mu Itorero kandi bagahakana Yesu Kristo.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina muni y’ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo”. (Ibyakozwe n’Intumwa 4:12)

Umukoro wo mu rugo:

Uzuza izi nteruro

Uwo agakiza kabonerwamo ni.....
Dukwiye kwirinda
Kumvira kuruta.....
Kwitonda kukaruta y’.....
Sawuli yanyazwe ubwami kuberaImana
No mu masezerano dukora, Imana ni

Siga amabara utu dushushanyo

Insert Dessin urukwavu n’akanyugunyugu

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Kwizera (**Yuda umurongo wa 5-9**)

Intego: Gufasha abana kumenya:

1. Ingaruka zo kutizera
2. Ko Imana ari yo mucamanza w'ukuri

Incamake

Yuda yibutsa abagize Itorero ko bakwiye guhora bazirikana ibyabaye kugirango bibabere inyigisho. Abizera Imana nibasubira inyuma, bagakora ibyaha bazatsindwa n'urubanza. Dukwiriye kumenya kandi ko Imana yacu ari yo mucamanza w'ukuri kuko ari yo yonyine izi byose.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “ Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugirango namwe mutazarukirwa” (Matayo 7:1).

Umukoro wo mu ishuri

Hitamo ibyo wakora usanze mugenzi wawe akora ikosa.

Namukubita, namurega, namugira inama, namubuza, nahamagara abandi bakamuseka, namusengera, namuhuguza ijamba ry'Imana.

Huza iyi mibare uyikurikiranye uhereye kuri rimwe hanyuma uvuge icyo uvumbuye.

Pg 33

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Kwizera (**Yuda umurongo wa 10-15**)

Intego: Gafasha abana gusobanukirwa ko bagomba kwirinda kunyuranya n’ijambo ry’Imana.

Incamake

Muri iyi mirongo Yuda agaragazamo ingero mbi z’abatubanjirije dukwiye kwirinda. Abo ni nka Kayini (Itang 4:1-15) wishe mwene se Abeli, Balamu (Kubara 22-24) wemeye ibiguzi by’Umwami Balaki ngo ajye kuvuma ubwoko bwa Isirayeli, Kora (kubara 16) wigometse kuri Mose. Aba bese bayobowe n’ingeso za kamere yabo bibaviramo guhanwa ibihano biteye ubwoba. Umukristo wamenye Yesu akwiye kuyoborwa n’umwuka w’Imana akirinda kuyoborwa na kamere.

Umurongo wo gufata mu mutwe” ‘Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y’ababi ntahagarare mu nzira y’abanyabyaha” (**Zaburi 1:1**)

Umukoro wo mu rugo: Soma Abagalatiya 5: 19-21 hanyuma utahure mu mbonerahamwe ingeso z’abatubaha Imana dukwiriye kwirinda.

2011 pg 64-65

Icyumweru cya kane

Isomo: Kwizera (Yuda umurongo wa 16-25)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa iby’minsi y’imperuka


Gufasha abana gusobanukirwa Itandukaniro ry’imyitwarire y’abizera n’abatizera

Incamake

Yuda yibutsa abizera ko badakwiye gukurikiza amagambo n’imyumvire y’abantu bikunda bagakunda n’indamu. Abo ni bo bazana ibice mu Itorero kuko bakurikiza ibyo kwifuza kwabo kunyuranye n’ibyo Imana ishaka. Abizera bakwiye gukomezanya mu rukundo kuko ibyo ari byo bibahesha kunesha muri Yesu Kristo.

Umurongo wo gufata mu mutwe. “Iradukiza itabitewe n’imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo kubw’imbabazi zayo” (Tito 3: 5 a)

Umukoro wo mu ishuri



Umukoro wo mu rugo

Iyi nsina ifite igitoki kinetse. Yisige amabara usige n’igitoki cyayo



UKWEZI KWA WERURWE

Icyumweru cya mbere

Isomo: Yona yanga kumvira (Yona 1: 1-11)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko kutumvira bigira ingaruka mbi

Incamake

Yona yari umuheburayo wubahaga Uwiteka Imana. Yatumwe n’Imana i Nineve kuburira abatuyeyo kuko ibyaha byabo byari byinshi cyane. Yona yanga kumvira Imana, agambirira guhungira i Tarushishi. Ari mu bwato hamwe n’abandi, Imana ibateza umuyaga mwinshi, mu nyanja haba ishuheri ikomeye. Yona yari inyuma mu bwato asinziriye. Umutware w’inkuge aramukangura ngo na we atakire Imana ye. Bashakisha utumye bagerwaho n’ibyo byago ubufindo bufata Yona. Abanyamahanga bose bari kumwe nawe mu nkuge, bagezweho n’ibyago bitewe no kutumvira Uwiteka kwe.

Umurongo wo gufata mu mutwe. “Nimwemera mukumvira muzarya ibyiza byo mu gihugu” (Yesaya 1:19).

Umukoro wo mu ishuri: Subiza ibibazo bikurikira

Yona yahungiyeye he?

Se wa Yona yitwaga nde?


Kuki Imana yatumye Yona i Nineve?

Ni iki cyatumye abantu bamenya Yona?

Ni nde wakanguye Yona ? Yamukanguriye iki?

Ese abari kumwe na Yona mu nkuge bamenye ko ahunze Uwiteka ?

Umukoro wo mu rugo: Shushanya ubu bwato wongeremo Yona aryamye



Icyumweru cya kabiri

Isomo: Imana ni inyembababazi (Yona 1:12-2:1)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Kwihana kwacu gutuma Imana iturinda
2. Imana itwitaho no mu gihe turi mu byago

Incamake

Yona abonye ko batahuye ko ariwe utumye umuyaga wenda kuroha ubwato, ibyarimo n'ababurimo mu nyanja, yabwiye abari mu bwato ko bamufata bakayimujugunyamo kugirango ituze. Abari kumwe nawe basenze Imana mbere yo kumujugunyamo. Imana kubw'imbabazi zayo, itegeka urufi ruramumira imurindira mu nda yarwo iminsi itatu n'amajoro atatu.


Umurongo wo gufata mu mutwe : “ Nimushimire Uwiteka yuko ari mwiza kuko mbabazi ze zihoraho iteka ryose” (Zaburi 106: 1).

Umukoro wo mu rugo

1.Soma Yona 1 hanyuma utondekanye izi nteruro neza

Tubwire utumye dutezwa ibi byago
Yona bamujugunye mu nyanja
Nimunterure munjugunye mu nyanja
Uwiteka ategeka urufi rumira Yona
Ndi umuheburayo wubaha Imana yo mu Ijuru
Yona yanze kujya kuburira abantu b' i Ninewe
Uwiteka yohereje umuyaga mwinshi mu nyanja
Yona arahaguruka ngo acikire i Tarushishi
Tugire dute ngo inyanja iduturize?
Turakwinginze Uwiteka twe kurimbuka tuzira ubugingo bw'uyu muntu

2.Shushanya izi modoka



Icyumweru cya gatatu

Isomo: Yesu abambwa ku musaraba (**Matayo 27: 33-44**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa

1. Imibabaro inyuranye Yesu yagiriye ku musaraba
2. Ko urukundo Yesu yadukunze rwatumye yihanganira imibabaro yo ku musaraba.

Incamate

Yesu bamubambye ku musozi witwa Gologota ari ko kuvuga i Nyabihanga. Ku musaraba hari ibibi byinshi bamukoreye : bamuteye imisumari igihe ; bamuhaye divayi isharira cyane ; bamwambitse ubusa bagabagabana imyambaro ye ; bamubambye hagati y'ibisambo bibiri ; yashinyaguriwe n'abantu b'ingeri zose. Abahisi n'abagenzi baramututse ngo niyivane ku musaraba niba ari Umwana w'Imana. Abakuru bo mu batambyi n'Abigishamategeko n'Abakuru b'imiryango baramushinyaguriye baranamuseka. Ndetse na bya bisambo byari bibambanywe na we niko byamutukaga. Yesu ni uwo gushimirwa kubw'iyi mibabaro yose yihanganiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: «Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba yenyi yo adukirisha ». (Yesaya 53:5)

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Yesu bamubambye kuki ? Ku wuhe musozi ?
2. Gologota bishatse kuvuga iki ?
3. Vuga ibintu bitanu bibi bakoreye Yesu ku musaraba.
4. Yesu yashinyaguriwe n'abantu b'ingeri zose : Vuga abo aribo ukurikije ibyo twasomewe.

Umukoro wo mu rugo:

- a. Shushanya umusaraba Yesu yabambweho.
- b. Vuga ibintu bitanu ubona twahemba Yesu kubera kwihanganira iriya mibabaro yose azira ibyaha byacu.

Icyumweru cya kane

Isomo: Urupfu rwa Yesu (Matayo 27: 45-56)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa

1. Ibintu by'ingenzi byaranze urupfu rwa Yesu
2. Ko urupfu rwa Yesu rugomba gutuma turushaho kumukunda no kumwizera.

Incamake

Mbere yuko Yesu apfa mu gihugu cyose hacuze umwijima kuva saa sita kugeza saa cyenda. Mu masaha ya saa cyenda ni bwo Yesu yavuze n'ijwi rirenga ati : « Eli Eli lama sabakitani ? » Bisobanurwa ngo : « Mana yanjye Mana yanjye ni iki kikundekesheje »? Yongeye kuvuga ijwi rirenga maze arapfa. Yesu amaze gupfa, habaye ibintu bidasanze : Mu rusengero umwenda wakingirizaga ahera cyane watabutsemo kabiri uherye hejuru ukageza hasi, habaye umutingito ibitare biriyasa ; imva zirakinguka intore z'Imana zirazuka, abasirikari bamurindaga babonye ibyo byose bahamya ko Yesu yari Umwana w'Imana koko.

Nk'aba basirikari, urupfu n'imibabaro bya Yesu bikwiriye gutuma tumwemera kandi tukamwizera kuko ni twe yapfiriye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: «Abamwemeye bose bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana». (Yohani 1 :12)

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira ukoresheje Yego cyangwa Oya:

1. Yesu amaze kuvuga ngo Eli Eli lama sabakitani, bamusomeje vino isharira.
2. Mbere y'uko Yesu apfa habayeho umwijima wamaze amasaha atatu.
3. Umwenda wakingirizanga ahera cyane watabutsemo kabiri uva ibumoso ugana iburyo.
4. Yesu amaze gupfa hari abantu bazutse kandi bageze i Yerusalemu.
5. Umukuru w'abasirikari barindaga Yesu abonye ibyabaye byose yavuze ko Yesu atari Umwana w'Imana koko.
6. Mariya Magadalena na Mariya nyina wa Yakobo na Yozefu babonye ibyabaye mu rupfu rwa Yesu.

Umukoro wo mu rugo:

Muri yi mbonerahamwe, vumbura ibintu bine bikomeye byabaye mu rupfu rwa Yesu.

U	T	A	B	U	K	A	M	O	2
I	S	I	D	W	W	D	Q	A	Q
B		R		K	A	B	I	R	1
I	1	A	2	1	H	G	A	O	A
T	Q	T	Q	A	E	I	A	P	Q
U	1	I	Q	1	R	J	A	3	S
R	1	G	Q	I	A	B	1	5	1
O	2	I	2	B	G	B	2	B	S
K	Q	T	Q	I	Q	I	Q	I	3
H	D	A	D	T	Q	R	T	R	Q
B	A	Q	D	A		A	1	A	Q

C	Q	E	G	R	2	M	2	K	A
F	I	A	2	E	3	E	1	I	1
R	W	D	A	Q	S	N	T	N	1
Y	Q	C	Y	A	N	E	K	G	2
U	4	D	C	1	1	K	O	U	3
I	Q	Q	2	A	S	A	Y	K	W
V	Q	U	M	W	E	N	D	A	F
U	K	I	N	G	I	R	I	Z	A

Icyumweru cya gatanu: PASIKA

Isomo: Kuzuka kwa Yesu (**Matayo 28: 1 – 15**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Yesu ataheze mu gituro ahubwo yazutse
2. Kwibagirwa amasezerano bituma iyo asohoye tutabimenya ngo tubinezere.

Incamate

Mariya Magadalena na Mariya wundi bazindukiye ku gituro, Marayika arababonekera ababwira ko Yesu yazutse. Ababwira kujya kubwira abandi bigishwa iyo nkuru nziza. Bagize ubwoba buvanze n’umunezero bihutira kujya kubibwira abigishwa. Bakigenda Yesu ahura nabo arabahumuriza. Kuzuka kwa Yesu kwateye impungenge abatambyi bakuru n’abakuru, bagurira abarinzi ngo babeshye ko atazutse ahubwo ko abigishwa be baje bakamwiba basinziriye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « Ni iki gitumye mushakira umuzima mu bapfuye? Ntari hano ahubwo yazutse nk’uko yari yaravuze » (**Luka 24:5**).

Umukoro wo mu ishuri:

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni bande bazindukiye ku gituro?
2. Bahageze basanze bimeze bite?
3. Bavuye ku gituro bagiye he?
4. Bahuye na nde mu nzira?
5. Abatambyi bakuru babyifashemo bate ?

Umukoro wo mu rugo: Soma **Luka 24:1-12** maze ukurikiranye neza izi nteruro ukurikije uko inkuru yagenze:

1. Bava ku gituro basubiraye
2. Bakiguye mu kantu, abagabo babiri bahagarara aho bari bambaye imyenda irabagirana
3. Kare mu museke bajya ku gituro bajyanye bya bihumura neza
4. Maze Petero arahaguruka yirukanka ajya ku gituro
5. Abagore baratinya bubika amaso
6. Abagore bajya kubwira abigishwa inkuru bamenye

UKWEZI KWA MATA 2013

Icyumweru cya mbere

Isomo: Imana iratabara (Yona 2: 2-11)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko kwihana no gusenga bituma Imana idutabara

Incamate

Yona ari mu nda y'urufi yasobanukiwe icyaha yakoze cyo kutumvira igihe yangaga ko Imana imutuma. Asenga, yibutse imbabazi n'urukundo by'Imana arayitakambira iramukiza, itegeka urufi kumuruka imusozi. Iyo twemeye kwihana, Imana iradutabara.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « Uwiteka ibuka imbabazi zawe no kugira neza kwawe kuko byahozeho kera kose » (Zaburi 25: 6).

Umukoro wo mu rugo

a. Soma Yona 2:2-11 wuzuze interuro zikurikira

Ubwo umutima wanjye wiheberaga mu ndaUwiteka, no kwanjyemu rusengero rwawe rwera.

Ariko jyweweho nzagutambira n'ijwi ry'....kandiumuhigo wanjye, ... gaturuka ku....

Nagizentakiraaransubiza, nahamagariye mu nda y'..... wumva ryanjye

b. Tahura utunyamaswa dushushanyije muri izi nyuguti



Icyumweru cya kabiri

Isomo: Kumvira Imana no kwihana (Yona 3:1-10)

Intego : Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Kumvira gutuma abantu bihana
2. Kwihana gutuma Imana ikuraho ibihano

Incamake

Imana yongeye gutuma Yona bwa kabiri noneho yemera kugenda. Ageze i Nineve arababurira maze bumvira ijwi ry'Uwiteka baca bugufi barihana. Imana ibonye ko bahindukiye bakareka inzira zabo mbi irabababarira.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “ Nimuze tujye inama niko Uwiteka avuga. Nubwo ibyaha byanyu bitukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi” (Yesaya 1:18)


Umukoro wo mu ishuri

Kuzenguruka Nineve rwari urugendo rw'iminsi ingahe?
Hari hasigaye iminsi ingahe ngo Nineve harimbuke?
Inkuru imugezeho umwami w'i Nineve yakoze iki?
Ni iki cyatumye Imana idateza Nineve ibyago yari yabageneye?

Umukoro wo mu rugo

Itegereze iyi shusho maze usubize ibibazo bikurikira:

1. Abantu bari muri iyi shusho nibangahe?
2. Muri aba bantu bose ni bangahe barakaye?



Icyumweru cya gatatu

Isomo: Yona ntiyasobanukiwe imbabazi z’Imana **Yona 4:1-11**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa urukundo rw’Imana ku bantu yaremeye.

Incamake

Abantu b’ i Nineve bamaze kuburirwa na Yona bagaca bugufi bakihana, Uwiteka yarabababariye maze bibabaza Yona yisabira gupfa. Uwiteka yigishiriza Yona ku ruyuzi rwameze ngo rumurinde izuba nyuma rwakuma akarakara akongera akisabira gupfa. Imana isobanurira Yona ko uko arakajwe n’uko uruyuzi atateye rwumye ariko Imana yari ibabajwe n’ubwoko bwayo bugiye kurimbukira mu byaha.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “ Uwiteka ni umunyabambe n’umunyambabazi, atinda kurakara, afite kugira neza kwinshi”. (Zaburi 103:8)

Umukoro wo mu ishuri

Soma Yona 4 usubize ibi bibazo

Ni izihe mpamvu Yona atanga zo kuba yarahisemo guhungira i Tarushishi?

Ni iki cyatumye Imana imeza uruyuzi aho Yona yicaye?

Ni iki cyatumye uruyuzi rwuma?

Yona ababajwe n’uruyuzi rwumye Imana yamubwiye iki?

Umukoro wo mu rugo

Siga amabara ibi bishushanyo by’imyungu, amababi n’ubututu ukurikije uko biba bisa mu murima

Uruyuzi



Imyungu n’ubututu



Icyumweru cya kane

Isomo: Inzozo za Yozefu (**Itangiriro 37: 1-11**)

Intego: Gufasha abana:

1. Gusobanukirwa inkomoko ya Yozefu.
2. Gusobanukirwa inzozo za Yozefu

Incamake

Yozefu yabyawe na Yakobo mu gihugu cy'i Kanani. Yakobo yamukundaga kurusha abandi bahungu be kubera ko yari yaramubyaye ashaje. Ndetse yari yaramudodeshereje ikanzu y'igicro. Bakuru be babonye uko se amutonesha bamugirira ishyari baramwanga. Yozefu yarose inzozo zatumye bene se barushaho kumwanga kuko yazibarotoreye bagatekereza ko azabatega. Yozefu yari yarose bari mu murima bahambira imiba maze ngo umuba we urahaguruka iya bene se irawunamira. Yongera kurota abona izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe bimwunamira.

Umurongo wo gufata mu mutwe: «Umuntu wese wanga mwene se ni umwicanyi kandi muzi ko nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we» (1Yohani 3:15).


Umukoro wo mu ishuli: Subiza ibibazo bikurikira :

1. Yozefu ni mwene nde ? Yavukiye he?
2. Yari afite bene se bangahe ?
3. Ni iki kigaragaza ko Yakobo yakundaga Yozefu cyane?
4. Ni izihe nzozo Yozefu yarose kandi zasobanuraga iki ?
5. Ni iki cyatumye bene se wa Yozefu bamwanga kandi bakamugirira ishyari?

Umukino

Mwarimu arebe uwana umwe abe Yakobo n'ndi mwana abe nyina wa Yozefu. Ashake abana 12 habonekemo Yozefu na bene se 11. Abo bana 12 ni bo bazakina ari imiba cumi n'ibiri izashushanya za nzozo za mbere. Ishusho y'izuba n'iy'ukwezi bizambarwa na se na nyina. Abana 12 bazambara bese inyenyeri mu mutwe. Abandi bana bashobora kujya bagenda bapfukamye bameze nk'udutama baragiye. Utwo dutama dushobora no gucishamo tukajya dutamatama. Yakobo agomba kujya agira abana be inama.

- a. Vuga inzozo za mbere Yozefu yarose



b. Vuga inzozi za kabiri Yozefu yarose



UKWEZI KWA GICURASI

Icyumweru cya mbere

Isomo: Bene se wa Yozefu bajya inama yo kumwica (**Itangiriro 37:12-24**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa:

1. Ko ishyari n'urwango ari ibyaha bigira ingaruka zikomeye cyane.
2. Ko uwubaha Imana afata icyemezo cyiza mu gihe abandi babana bafite imigambi mibi

Incamate

Yakobo yatumye Yozefu gusura bene se iyo bari baragiye kuragira amatungo. Bene se bakimubona abahingutseho i Dotani, bajya inama yo kumwica bakamujugunya mu iriba ryakamye. Rubeni yanga kwifatanya na bo muri uwo mugambi mubi wo kwica. Maze abasaba ko bamujugunya mu iriba ryakamye batamennye amaraso ya. Rubeni yashakaga kumukiza ngo azamushyire se Yakobo. Yozefu abagezeho baramufata bamwambura ya kanzu ye y'igicro bamujugunya mu iriba ryakamye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « Kandi dufite iri tegeko ryavuye kuri yo ngo ukunda Imana akunde na mwene se». (**1 Yohana 4, 21**)

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira :

1. Yozefu yabasanze bene se hehe?
2. Niki kigaragaza ko bene se wa Yozefu bari bakimufitiye ishyari n'urwango ?
3. Muri bene se wa Yozefu ni nde wanze kwifatanya na bo mu mugambi w'ubwicanyi ?
Yavuze ngo iki ?
4. Yozefu bamujugunye he ?

Umukino

Mwarimu arebe umwana umwe akine Yakobo amwambike nk'umusaza. Undi akine ari Yozefu utumwe kuri bene se. Undi mwana akine ari Rubeni ashaka gukiza Yozefu ariko mu mayeri. Abandi bana bakine ari udutama. Utwo dutama dushobora no gucishamo tukajya dutamatama.

Icyumweru cya cya kabiri

Isomo: Bene se wa Yozefu bamugurisha (**Itangiriro 37 : 25-36**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Gukora icyaha ntucyihane bizana ibindi byaha.
2. Gukora ibyaha bibabaza Imana n'ababyeyi bacu.

Incamake

Bene se wa Yozefu babonye Abishimayeli baturutse i Galeyadi bahetse ibicuruzwa ku ndogobe berekeza mu Misiri. Yuda abagira inama yo kugurisha murumuna wabo n'abo bacuruzi b'Abishimayeli. Bamukuye mu rwobo baramugurisha ariko Rubeni we ntiyari ahari. Hanyuma bene se wa Yozefu basiga amaraso y'ihene ya kanzu ya Yozefu maze bayohereza Yakobo. Ayibonye akeka ko ari inyamaswa y'inkazi yamuriye. Arababara cyane aririra umuhungu we ku buryo abana be bose baje kumuhoza bikabananira. Abishimayeli bagejeje Yozefu mu Misiri bamugurisha na Potifari wari icyegera cy'umwami wa Misiri akaba n'umutware w'abarinzi be.

Umurongo wo gufata mu mutwe

« Urukundo rwanyu rwe kugira uburyarya. Mwange ibibi urunuka muhorane n'ibyiza ». (**Abaroma 12: 9**)

Umukoro wo mu ishuri: Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni bande baguze Yozefu na bene se ? Bavaga he bajya he?
2. Ni nde wazanye igitekerezo cyo kutica Yozefu ? Ni iyihe nama yatanze?
3. Bene se wa Yozefu basiga ikanzu ye amaraso y'ihene bari bagamije iki?
4. Iyo kanzu igeze kuri Yakobo yabyifashemo gute?
5. Yozefu bamugejeje mu Misiri bamugurishije na nde?

Umukoro wo mu rugo

S	G	M	B	N	K	M	L	J	M
M	A	B	E	D	E	N	E	G	O
B	V	D	X	E	B	C	B	F	M
N	C	C	U	S	D	F	C	D	N
B	C	G	U	R	H	V	Z	G	B
U	B	Y	G	A	A	N	I	M	C
I	V	T	H	C	E	K	M	L	V
K	Y	B	T	X	A	D	A	M	U
N	V	E	N	H	Y	A	N	I	C
D	P	E	S	E	R	N	Y	K	X
S	O	E	L	U	G	I	R	M	Z
O	M	M	M	K	J	Y	E	M	S
P	W	G	Y	O	Z	E	F	U	C
L	Z	X	W	E	J	L	Q	M	N
K	N	M	K	L	B	I	M	B	G

Vumbura amazina yanditse muri iyi mbonerahamwe.

- a. Umuntu Imana yaremye mbere.
- b. Abantu Imana yakijije ibakuye mu muriro.
- c. Ni we agakiza kabonerwamo.
- d. Umwana wagurishijwe na bene se
- e. Umuntu Imana yakijije imukuye mu rwobo rw'intare.

Icyumweru cya gatatu: PENTEKOSITI

Isomo: Kuza k'Umwuka Wera (**Ibyakozwe 2:1-13**)

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu yategetse intumwa kujya i Yerusalemu maze zikarindira imbaraga z'Umwuka Wera: imbaraga z'Umwuka Wera.
2. Intumwa zubahirije amabwiriza ya Yesu yo kutava i Yerusalemu.
3. Umwuka Wera yaziye igihe Yesu yasezeraniye.

Incamake

Mbere y'uko Yesu asubira mu ijuru, yategetse abigishwa be kujya iYerusalemu maze bagategereza imbaraga zizababashisha gukora umurimo. Izo mbaraga ni Umwuka Wera bendaga guhabwa. Ku munsu wa Pentekote, nyuma y'iminsi 50 Yesu amaze kuzuka, abigishwa bari bateraniye hamwe, bahuje umutima. Bari bamaze iminsi 10 basenga kandi bategereje, batungurwa n'umuriri w'Umwuka. Bamaze kuzura Umwuka Wera bavuze mu zindi ndimi.




Umurongo wa gufata mu mutwe: “Bose buzuzwa Umwuka Wera batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga”. **Ibyakozwe 2: 4.**

Umukino w'agapira: Ibikoresho byo gutegurwa: Agapira n' ikibuga.

Amabwiriza y'umukino:

- a. Gushyira abana ku ruziga no guha umwana umwe agapira umubwira aya magambo “Nitwa(izina ry'ugatanze), na we agahereze umukurikira amubwire ati nitwa....., na we agatange bikomeze gutyo bagenda bahana agapira bavuga uko bitwa.
- b. Bakiri ku ruziga bamaze kugahererekanya, noneho batangira kukanaga, buri mwana akakanagira undi amubwira ati witwa nde? Ukakiriye agasubiza ati nitwa(Yuzuzemo izina ry'uwo anagiye agapira). Uyu mukino uzarangira abana bamenyanye, bituma bagirana ubumwe bagakunda ishuri ry'icyumweru kuko bakunda gukina.

Umukoro wo mu rugo: Ibyo Imana yaremye biratangaje! Sigamo amabara



Icyumweru cya kane

Isomo: Yozefu yanga gukora icyaha cyo gusambana (**Itangiriro 39 : 1-15**)

Intego : Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Abubaha Imana batinya gukora icyaha.
2. Imana ishobora gutanga umugisha mu gihugu ibigiriye abayubaha bakirimo.

Incamake

Yozefu amaze kugera kwa Potifari mu Misiri, Uwiteka yabanye nawe. Amushoboza gukora neza imirimo ashinzwe. Potifari abonye ko Uwiteka abana na Yozefu mu byo akora byose, amugira inkoramutima ye amuha gutegeka urugo rwe n'ibyo yari atunze byose. Uwiteka aha umugisha ubutunzi bwa Potifari kubera Yozefu. Hashize igihe Nyirabuja wa Yozefu aramubengukwa amusaba kuryamana na we. Kuko Yozefu yubahaga Imana yanga gukora icyaha cy'ubusambanyi. Uwo mugore yakomeje kumushuka biramunanira. Ahengera Yozefu yinjiye mu nzu amwambura umwenda we, maze Yozefu arawumusigira asohoka yiruka. Nyirabuja amwaye abeshya ko Yozefu yashatse kumufata ku ngufu.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « None nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana». (**Itangiriro. 39: 9b**)

Umukoro wo mu ishuri: Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni uwuhe murimo Yozefu yahawe ageze kwa Potifari?
2. Ni iyihe mpamvu yatumye Potifari agira Yozefu inkoramutima ye?
3. Ni ikihe kigeragezo gikomeye Yozefu yahuriye na cyo mu rugo rwa Potifari?
4. Yozefu yakivuyemo gute?
5. Uwahamagaye abagaragu ba Potifari yababwiye iki ku mwenda yari yambuye Yozefu?

Umukoro wo mu rugo :

1. Muri iyi mirongo tumaze gusoma ni bande washimira ibyo bakoze ?
2. Abo wagaya bo ni bande ? kubera iki ?
3. Siga amabara imyenda y'uyu mugore wa Potifari.



UKWEZI KWA KAMENA 2013

Icyumweru cya mbere

Isomo: Yozefu muri gereza (**Itangiriro 39: 16-23**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Kubeshya bishyira bagenzi bacu mu ngorane.
2. Imana irinda abayubaha no mu gihe cy'akaga gakomeye

Incamate

Nyuma yo kubona ko Yozefu yirutse akanga kuryamana nawe, umugore wa Potifari yarekeye wa mwenda mu nzu kugeza igihe umugabo we atahiyeye. Akimubona yongeye kubeshyera Yozefu ko yashatse kumufata ku ngufu. Potifari amaze kumva ibyo umugore amurega, ararakara cyane, afata Yozefu amushyira muri gereza. Yozefu ageze muri gereza, Uwiteka yakomeje kubana na we ndetse amuha no gutona ku muyobozi wa gereza. Uwo muyobozi yahise amuha gutegeka imfungwa zose. Uwiteka akomeza guha Yozefu umugisha maze ibyo akoze byose bigatungana.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « Gutabarwa kwanjye kuva k'Uwiteka waremye ijuru n'isi » (**Zaburi.121 : 2**).

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira :

1. Ni iyihe mpamvu yatumye Potifari ashya Yozefu muri gereza ?
2. Ni iki cyatumye Umutware wa gereza akunda Yozefu ?
3. Ni uwuhe murimo Umutware wa gereza yahaye Yozefu ?
4. Uwo murimo yozefu yawukoze ate ?
5. Ni nde wamufashaga mu murimo we ?

Umukino

Mwarimu ategure abana ku buryo habonekamo Yozefu, Potifari n'umugore we, umutware wa gereza ndetse n'abagororwa. Atandukanye ahashobora kuba gereza n'urugo rwa Potifari ruraba rurimo abagaragu. Ateganye n'ikanzu ya Yozefu. Ateganye kandi n'umuntu uzajya ahumuriza Yozefu mu mwanya w'Uwiteka. Hanyuma abakinishe iyi nkuru.

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yozefu asobanura inzozo z'imfungwa ebyiri (Itangiriro 40:1-21)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Abubaha Imana ishobora kubaha ubushobozi bwo kwerekwa no gusobanura inzozo.
2. No mu bihe bikomeye tugomba gukomeza kubaha Imana no kuyizera
3. Imana ikomeza kudukoresha imirimo y'icyubahiro no mu bihe by'akaga.

Incamake

Yozefu akiri muri gereza, hari abandi bantu babiri baje kuhafungirwa kuko bari bahemukiye umwami wa Misiri. Umwe yari umutware w'abahereza divayi naho undi ari umutware w'abatetsi b'imigati. Ijoro rimwe aba bagabo bombi baza kugira inzozo maze bababazwa cyane n'uko babuze uzibasobanurira. Yozefu, afashijwe n'Imana, arazibasobanurira. Nyuma y'iminsi itatu ibyo yabasobanuriye ni byo byasohoye. Umwami yarabafunguye, umutware w'abahereza divayi asubizwa mu mirimo naho undi aramanikwa.

Umurongo wo gufata mu mutwe: « Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera » (Abaheburayi 10:38)

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Abantu babiri basanze Yozefu muri gereza bavuye i bwami ni bande?
2. Ni izihe nzozo barose bombi? Kuki bari babaye ?
3. Yozefu agiye kuzibasobanurira yababwiye ko ubushobozi bwo gusobanura inzozo buva hehe ?
4. Buri wese yamubwiye ko inzozo ze zisobanura iki ?
5. Ibyo Yozefu yababwiye byarabaye ? Byagenze gute ?
6. Ni iki wagaya umutware w'abahereza divayi?

Umukoro wo mu rugo : Gutanga urugero:

Siga amabara iki gishushanyo cya gereza: Utandukanye Umurinzi wa gereza, gereza, abagororwa n'amatungo bajyanye mu kiraro.



Icyumweru cya gatatu

Isomo: Inzozo z'Umwami wa Misiri (**Itangiriro 41 : 1-13**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Imana itibagirwa kandi ikomeza isezerano ryayo
2. Igihe ukoze icyaha ukwiriye kucyihana

Incamake

Yozefu akiri muri gereza Imana iteza inzozo Umwami wa Misiri. Yarose inzozo zamuteye ubwoba kandi nta muntu n'umwe w'ibwami washoboye kuzisobanura. Mu ijoro rimwe Umwami yari yarose inshuro ebyiri. Ubwa mbere yari yarose abona inka ndwi zibyibushye ziva mu ruzi rwa Nili maze zimirwa n'izindi ndwi zinanutse zaje zizikurikiye. Ubwa kabiri, arongera abona amahundo arindwi abyibushye amera ku gikenyeri kimwe maze hamera andi arindwi ananutse nayo amira ya yayandi abyibushye. Wa mutware w'abahereza divayi yibuka ko yahemutse kuko yari yaribagiwe Yozefu. Abwira Umwami ko Yozefu yabarotoreye inzozo igihe bari muri gereza kandi bikagenda nk'uko yari yabibabwiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “ Gukiranuka k'umuntu uboneye kuzamutunyiriza inzira, ariko umunyabyaha azagushwa n'ibyaha bye ” (**Imigani 11:5**).

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira ukoresha Yego cyangwa Oya:

1. Hashize imyaka ibiri, Umwami nawe yarose inzozo.
2. Nta muntu n'umwe wo mu Misiri washoboye kuzisobanura keretse Yozefu.
3. Inka ndwi zibyibushye n'amahundo arindwi ananutse Yozefu yavuze ko bisobanura kimwe.
4. Umutware w'abahereza divayi yababajwe n'uko yari yaribagiwe Yozefu.


Umukoro wo mu rugo

-Wibuke abantu babiri bakugiriye neza maze ugende ubashimire.

-Wibuke abantu babiri wahemukiye maze ugende ubasabe imbabazi.

Agakino:

Huza iyi mibare uhereye ku muto ugana ku munini hanyuma usige amabara igishushanyo uvumbuye.



Icyumweru cya kane

Isomo: Ubwenge (**Imigani 15 : 1-10**)

Intego: Gusobanukirwa ko:

1. Kubaha Imana ari ishingiro ry'ubwenge
2. Kugira ubwenge buva ku Mana bituma tutaba abapfapfa.

Incamake

Muri iki gice, harimo inama nyinshi Salomo agira abana b'Imana. Yibanze ku itandukaniro hagati y'abayoborwa n'ubwenge buva ku Mana n'abashaka kwiyobora. Abo bashaka kwiyobora ntibatunganira Imana kandi ni bo yita abapfapfa. Yagaragaje ko abapfapfa barangwa no kutumva inama, bishimira ubupfapfa bwabo kandi ntibatinye Imana. Naho abanyabwenge bemera kugirwa inama ari nako bashaka kunguka mu bumenyi. Bahorana imvugo y'ubwenge kandi bashaka gutunganira Imana mu bintu byose.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Umupfapfa ahinyura igihano se amuhana ariko uwemera gucyahwa ni we ugira amakenga.”(**Imigani.15:5**)

Umukoro wo mu ishuri: Subiza ibibazo bikurikira ukoresha Yego cyangwa Oya.

- Umupfapfa ni umuntu utagira ubwenge.
- Umupfapfa akunda Imana kandi akayubaha.
- Umunyabwenge avuga neza kandi Imana niyo shingiro ry'ubwenge kuri we.
- Umupfapfa asuzugura ababyeyi.
- Umupfapfa yemera guhanwa no kugirwa inama.
- Umunyabwenge ahora ashaka kumenya no gutunganira Imana.
- Umupfapfa yishimira ubupfapfa bwe.
- Umwirasi ntakunda gucyahwa kandi nawe ni umupfapfa.
- Abagome n'abanyamujinya ntabwo ari abanyabwenge.
- Imana ikunda ko abapfapfa bihana bakaba abanyabwenge.

Umukoro wo mu rugo : Soma **Imigani 15: 11-21**

Subiza ibibazo bikurikira

- a. Mu nteruro zikurikira harimo imwe gusa y'ukuri uyishyireho akamenyetso.
 1. Mu gitabo cy'Imigani harimo imigani ya Salomo.
 2. Imana ireba hose uretse ikuzimu.
 3. Imana ishaka ko umujura anyurwa n'ubujura bwe.
- b. Mu nteruro zikurikira harimo imwe itari ukuri, uyishyireho akamenyetso.
 1. Ahabuze inama imishinga iradindira
 2. Umwana w'umunyabwenge asuzugura nyina ariko akubaha se.
 3. Imboga zigaburanywe urukundo ziruta inyama zigaburanywe urwango.

Agakino: Huza iyi mibare uhereye ku muto ugana ku munini hanyuma usige amabara igishushanyo uvumbuye.



Icyumweru cya gatanu

Isomo: Uwiteka anezuzwa n'abantu bajya inama (**Imigani 15: 22-32**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko :

1. Abajya inama Imana ibasanga ikabaha umugisha
2. Uwiteka agaya imigambi y'abatamwumvira

Incamake

Muri iki gice, umwanditsi w'iki gitabo cy'imigani yibanze ku byiza byo kujya inama. Atangira avuga ko aho inamayabuze nta mishinga ijya mbere. Yavuze ko Uwiteka arinda abantu akabitaho. Yibukije kandi ko Uwiteka agaya imigambi mibi y'abatamwumvira ahubwo agaha agaciro ibyifuzo by'abamwubaha. Salomo aributsa ko uwemera inama zubaka ntiyange no gucyahwa, abarwa mu banyabwenge . Naho uhinyura inama bamugira nawe aba yisuzugura ubwe.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Kubaha Uwiteka ni ko kwigisha ubwenge naho kwicisha bugufi kubanziriza icyubahiro” (**Imigani15: 32**).

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni akahe kamaro ko kujya inama?
2. Vuga ingaruka ziba ku muntu utumva inama?
3. Amasengesho Uwiteka aha agaciro ni ay'abantu bameze bate?

Umukoro wo mu rugo :

- Ibuka aho wanze kumvira inama z'ababyeyi bawe maze ubasabe imbabazi.
- Ibuka abana mubana bakora nabi maze ubagire inama yo gukora neza.
- Gira mugenzi wawe inama y'icyo azakora mu murimo w'Imana mu mwaka utaha.
- Siga amabara iki giti **2012 pg 16**

UKWEZI KWA NYAKANGA

Icyumweru cya mbere

Isomo : Yozefu asobanura inzozo z’Umwami wa Misiri (**Itangiriro 41 : 14-24**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Imana idufitiye imigambi myiza
2. Tugomba kubaha Imana ibihe byose

Incamate

Umwami wa Misiri yari afite ubwoba bwinshi kubera inzozo yarose akabura uzi kuzisobanura. Umwami asohora Yozefu muri gereza ngo aze amusobanurire izo nzozo. Yozefu ageze ibwami, umwami Farawo arazimurotorera. Yozefu yari yarakomeje kubaha Imana mu gihe cy’amahoro no mu gihe cy’akaga. Kubaha Imana kwe byatumye ikomeza kumukoresha ibikomeye. Kuboneka kwa Yozefu byarengeye abari bananiwe gusobanura inzozo z’umwami.

Umurongo wo gufata mu mutwe

« Ukunda Imana ni we umenywa na Yo » (1 Abakorinto 8: 3)

Umukoro wo mu ishuri

Subiza ibi bibazo

1. Ni iki cyatumye Yozefu bamufungura?
2. Rondora ibyiza byo kubaha Imana

Umukoro wo mu rugo: Tera irangi iyi modoka yazanye Yozefu gusobanura inzozo z’Umwami



Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yozefu asobanura inzozo z'Umwami (**Itangiriro 41: 25-36**).

Intego : Gufasha abana kumenya ko:

1. Imana izi ibyo twibwira n'ibyo dutekereza
2. Ubwenge butangwa n'Imana

Incamake

Umwami yari afite amatsiko y'ibyo Yozefu agiye kumusobanurira. Yozefu yabwiye umwami ko Imana ari yo iribumufashe gusobanura inzozo ze zombi. Inka ndwi n'amahundo arindwi bibyibushye ni imyaka irindwi y'uburumbuke. Inka ndwi n'amahundo arindwi binanutse ni indi myaka irindwi y'inzara izaza ikurikiye imyaka y'uburumbuke. Yozefu amaze gutanga inama yo guhunika ibizabatunga mu gihe cy'inzara, umwami ni we yahaye ubutware bwo kubikurikirana.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“Usarura mu cyi ni umwana uzi ubwenge ariko uryamira mu isarura ni umwana ukoza isoni”
(Imigani 10 : 5)


Umukoro wo mu ishuri

1. Iwanyu mwejeje iki?
2. Ibyo mwejeje mubibika gute?

Gusenga: Gusaba Imana ngo imyaka duhinga ijye yera neza.

Umukoro wo mu rugo

Mu bihingwa biri muri iki gishushanyo, toranyamo ibinyampeke.



Ibijumba, amacunga, intoryi, indimu,
ibigori, ibishyimbo, inyanya, amasaka,
ingano, umuceri, amateke, imyugu,
ibitoki, uburo, ibikoro.

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Kunyurwa na Yesu (**Abafilipi 3:7-12**)

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Kwizera Yesu ari ubutunzi buhebuje
2. Yesu Kristo ni we watumenyesheje Imana

Incamake

Intumwa Pawulo yerekana ko umuntu wizeye Yesu Kristo agira ibyo yigomwa kubera ubutunzi butagira akagero amubonamo. Kuri we Yesu arahebuje kuruta ibindi byose kandi ni we watumenyesheje Imana Data. Abari muri we babeshwaho n'imbaraga zo gukiranuka kwe. Abamwiringiye bafite isezerano ryo kubana na we iteka ryose.


Umurongo wo gufata mu mutwe

“Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kwitwa abana b’Imana ” (Yohani 1: 12)

Umukoro wo mu ishuri

1. Ni iki ushobora kwigomwa kubera gukunda Yesu Kristo?
2. Umunsi wo kwizihiza kuzuka kwa Yesu witwa ngo iki ?
3. Vuga ibintu Imana ikunda n'ibindi Imana yanga?

Umukoro wo mu rugo: Vumbura interuro ukoreshye amagambo yanditse kuri utu dupapuro



Icyumweru cya kane

Isomo : Kuba umwigishwa wa Yesu (**Abafilipi 3: 13-15**)

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Gukorana umwete biduhesha ingororano
2. Kwiringira Imana bituma ibana na twe ibihe byose

Incamake

Intumwa Paulo agaragaza ubutwari mu byo akora ashaka guhabwa igihembo Yesu yamubikiye. Ntahanga amaso ibyo yamaze gukora ahubwo aharanira gukora yivuye inyuma kugirango asingire ibiri imbere. Abizera bose bagomba kugira umwete mu byo bakora bakamera nk'abari mu irushanwa baharanira kubona igihembo..

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge ahubwo mugende nk'abanyabwenge” (Abefeso 5: 15)

Umukoro wo mu ishuri

Rondora amoko y'imikino ibonekamo amarushanwa uzi.

Rondora iyo ukina.

Ni iki wigeze gukora bakaguhemba?

Umukino

Umukino wo gusiganwa

UKWEZI KA KANAMA

Icyumweru cya mbere

Isomo Yozefu aba igisonga cy'Umwami Misiri **Itangiriro 41 : 37-46**

Intego: Gufasha abana kumenya ko

Kubaha Imana bigira ingaruka nziza ku mibereho byacu
Kwihangana kugeza tunesheje bizana umugisha

Incamate

Umwami wa Misiri ashingiye ku bwenge bwari muri Yozefu yakoresheje ibirori byo ku mushyiraho ngo abe abe umutware umwungirije mu gihugu cyose cya Misiri. Abanyamisiri bategekwa kujya bamwumvira. Kugira imirimo n'imyitwarire byubahisha Imana bituma dukundwa na yo n'abantu bakaduha icyubahiro.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi ariko Uwiteka amukiza muri byose”
(Zaburi 34: 19)

Umukoro wo mu ishuri

Umwami wa Misiri yitwaga nde?
Ni iki cyatumye Yozefu agirwa umutware mu Misiri?

Umukoro wo mu rugo

Iyi migani isobanurwa gute?
Umwanzu agucira akobo Imana igucira akanzu
Utazi umukungu yima umwana

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yozefu ahunika imyaka myinshi **Itangiriro 41: 47-51**

Intego: Gufasha abana gusubanukirwa ko

Imana ifite ubushobozi bwo kuvana umuntu mu mubabaro ikamuha umunezero

Incamate

Yozefu amaze kuba umuyobozi yahunikishije imyaka yeze mu mirima. Yatanze itegeko ko buri mudugudu uhinika imyaka wejeje. Ibyo byakorewe kugirango ibyo bahunitse mu myaka y'uburumbuke bizabatunge mu myaka irindwi y'inzara. Farawo yashyingiye Yozefu Asenati umukobwa w'umutambyi babyarana abahungu babiri baramunezeza yibagirwa umuruho yagize.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro si ibibi kugirango mbarememo umutima w'ibyo muzabona hanyuma » (Yeremiya 29: 11)

Umukoro wo mu ishuri

Kuki Yozefu yahunitse imyaka mu midugudu yose?

Vuga bumwe mu buryo bushobora gukoreshwa mu kurwanya inzara?

Icyumweru cya gatatu

Isomo Bene Yakobo bajya guhaha mu Misiri (**Itangiriro 42: 1-13**)

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa uruhare rwabo mu mibereho y’umuryango
Kumenya ko inzozo za Yozefu zabaye impamo

Incamate

Inzara yateye mu gihugu cy’i Kanani aho Yakobo se wa Yozefu yari atuye n’umuryango we. Yakobo yatumye abana be kujya guhaha mu gihugu cya Misiri kuko ari ho hari ibyo kurya muri icyo gihe. Bene se wa Yozefu bahageze yarabamenye ariko bo ntibahita bamwibuka. Yozefu yari yarahunitse imyaka myinshi izatunga abanyamisiri n’abazajya kuhahahira igihecy’inzara. Bakimwikubita imbere bubamye yibuka za nzozi yarose akiri umwana.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Ntutinye kuko ndi kumwe na we, ntukihebe kuko ndi Imana yawe. Nzajya ngukomeza , nzajya ngutabara, nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo ni ko gukiranuka kwanjye” (Yesaya 41: 10)

Umukoro wo mu ishuri

Vuga izina rya se wa Yozefu? Yari atuye he?


Yozefu yabaga mu kihe gihugu?

Ni iki cyerekana ko inzozo Yozefu yarose akiri umwana zasohoye?

Kuki Yozefu atahise yibwira bene se?

Umukoro wo mu rugo

Iyi modoka ije gutwara abagiye guhahira mu Misiri, yobora umushoferi abashe kubageraho kandi usige amabara inzu, ibiti n imodoka.



Icyumweru cya kane

Isomo Yozefu agenzura bene se **Itangiriro 42: 14-28**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko bagomba kwirinda ikibi bagakora icyiza ko uwubaha Imana atitura inabi uwayimugiriye

Incamate

Yozefu yababajije bene se ibibazo byinshi kugirango arebe uko babyifatamo. Mu bahungu ba Yakobo bari baje guhaha umuhererezi ntiyarimo. Yozefu afunga Simeyoni umwe muri bo ngo azafungurwe bazanye umuhererezi wabo. Yabahaye ibyo kurya ngo bashyire imiryango yabo, abasubiza n'amafaranga bajyanye guhahisha abaha n'impamba.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“Urukundo rwanyu rwe kugira uburyarya. Mwange ibibi urunuka muhorane n'ibyiza”
(Abaroma 12:9)

Umukoro wo mu ishuri

Vuga ibyiza Yozefu yakoreye bene se.
Yozefu afunga Simeyoni yari agamije iki?
Kuki yabatumwe umuhererezi

Umukoro wo mu rugo

Ibuka ibyiza abantu bagukoreye uvugemo bitatu

UKWEZI KWA NZERI 2013**Icyumweru cya mbere**

Isomo: Yozefu yirengagiza bene se **Itangiriro 42: 29-38**

Intego

Gufasha abana kumenye ko bagomba kuvuga ukuri
Gufasha abana ko bakwiye kujya batega amatwi ababyeyi bakabumvira

Incamake

Bageje amahaho mu rugo batekerereza se Yakobo ibyababayeho. Bamubwira ukuntu bakiriwe n’umugabo ukomeye utwara igihugu cya Misiri akababaza ibibazo byinshi akeka ko ari abatasi. Bamubwira ko uwo mutware yasigaranye Simeyoni akazamubaha ari uko bamuzaniye umuhererezi wabo. Mu gihe Yakobo yaburaga umwana we Yozefu yagize agahinda kenshi kamugumamo. Yashidikanyije kubaha Benyamini kuko yatinyaga ko atazamugarukira.

Umurongo wo gufata mu mutwe

« Mwese abarushye n’abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura » **(Matayo 11:28)**

Umukoro wo mu ishuri : Subiza Yego cyangwa Oya

Abahungu Yakobo yabyaye bari 10.
Simeyoni yarafunzwe kubera ko yibye.
Yakobo yanze kohereza Benyamini ngo ajyane na bakuru be kuko yatinyaga kumubura.
Yakobo yari atuye mu gihugu cy’i Kanani.

Umukoro wo mu rugo

Hari umukecuru cyangwa umusaza muturanye uba wenyine?
Niba hari uhari uzamushyiraho ugire icyo umufasha.

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yesu ni Kristo **Luka 9:18-21**

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko Yesu ari Kristo, Uwera w’Imana

Incamake

Igihe Yesu yari hamwe n’abigishwa be yarababajije ati : « Mbese abantu bagirango ndi nde?» Yesu yarashaka kumenya uko abantu bamuzi. Byagaragaye ko bamwe bamwitiranyaga na Yohani umubatiza abandi bakamwitiranya n’Umuhanuzi Eliya cyangwa undi muhanuzi. Nyuma Yesu abaza abigishwa be uko bo bamuzi. Intumwa Petero ahamya ko Yesu ari Kristo w’Imana.

Umurongo wo gufata mu mutwe

Arababaza ati “Ariko mwebweho mugirango ndi nde ? » Petero aramusubiza ati : Uri Kristo Uwera w’Imana.» (Luka 9: 20)

Umukoro wo mu ishuri

Ni bande bavugwa muri iri somo?

Umwana w’umuntu uvugwa ni nde ?

Yesu bamwitiranya na bande ?

Ni nde wamenye Yesu uwo ari we by’ukuri?

Umukoro wo mu rugo

Kugirango umenye Yesu neza wakora iki? Biganire n’abo mu rugo.

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Yesu aturisha inyanja **Mariko 4:35-41**

Intego:

Gufasha abana gusobanukirwa ko Yesu afite ubushobozi bwinshi ndetse ateguka umuyaga n’inyanja bikamwumvira

Incamake

Igihe Yesu n’abigishwa be bambukaga inyanja Yesu yari asinziriye mu bwato. Bahura n’umuraba ubwato bwenda kurengerwa. Abigishwa bagize ubwoba bakangura Yesu bavuga bati : “Mwigisha ntubyitayeho ko tugiye gupfa?” Yesu arakanguka acyaha umuyaga inyanja iratuza. Abigishwa babonye ukuntu inyanja n’umuyaga bimwumviye baratinya.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Akangutse acyaha umuyaga abwira inyanja ati: “Ceceka utuze.” Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose. (**Mariko 4: 39**)

Umukoro wo mu ishuri

Kuki abagishwa bakanguye Yesu ?

Ni iki cyaje gutangaza abigishwa?

Kuki Yesu yabajije abigishwa be ngo”ntimurizera?”

Ese hari igihe wumvise ukeneye ko umuntu ukurusha imbaraga akuba hafi?

Icyumweru cya kane

Isomo: Yakobo yemerera abahungu be kujyana na Benyamini mu Misire (**Itangiriro 43: 1-14**)

Intego

Gusobanukirwa ko

Imana ishobora kurinda umuntu akaga

Imana ishaka ko tuvuga ukuri

Incamake

Abahungu ba Yakobo bakomeje kumwiringa bamwumvisha ko akwiye kubaha Benyamini ngo basubirane mu Misiri guhahayo ibyokurya. Yakobo yabemereye kujyana murumuna wabo, ariko ababwira ibyo bagomba gukora, kugirango bahabwe imbabazi maze basubizwe abavandimwe babo ari bazima. Mu kubaha Benyamini, Yuda yarahiriye se ko yishingiye kuzamugarura. Bashaka amaturo baragenda.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

“ Wumvire so na nyoko, uko Uwiteka Imana yawe yagutegetse kugirango uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha, uboneremo ibyiza” (**Gutegeka kwa kabiri 5: 16**)

Umukoro wo mu ishuri

Ni iki cyatumwe Yakobo yongerera kohereza abahungu be mu Misiri?

Yuda yazirikanye ijamba yabwiye n’umugabo wabahaye ibyokurya. Iryo jambo ni irihe?

Ni iki cyabuzaga Yakobo koherereza umwana we w’umuhererezi ngo ajyane na bakuru be?

Umukoro wo mu rugo

Ese hari abajya bagutuma? Bagutumye hehe? Tanga ingero 3.

Icyumweru cya gatanu

Isomo: Yozefu abona Benyamini akanezerwa **Itangiriro 43: 15-23**

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko kumvira bizana umugisha

Incamake

Bene Yakobo bamaze kumva no gukora ibyo se yababwiye basubiye mu Misiri. Bajyanye na murumuna wabo Benyamini nk’uko bari babitegetswe.

Yozefu abonye bazanye na Benyamini yabatekeshereje ibyo kurya ngo basangire na we. Babinjije mu nzu bagize ubwoba. Bakekaga ko babinjije kugirango babanyagane n’ibyabo byose kubera ifeza bari barasanze mu masaho yabo. Batangiye kwisobanura igisonga cya Yozefu kibabwira ko nta kosa bakoze.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

“Arabasubiza ati: Mushyitse imitima mu nda ntimutinye, Imana yanyu, Imana ya so, ni yo yabashyiriye ubutunzi mu masaho” (**Itangiriro 43: 23**)

Umukoro wo mu ishuri

Ni iki cyataye ubwoba abavandimwe ba Yozefu?
Kuki Yozefu yatekesheje ibyokurya ngo asangire n'aba bagabo?
Mu bavandimwe ba Yozefu ni nde wari ugiye mu Misiri bwa mbere?

UKWEZI K'UKWAKIRA

Icyumweru cya mbere

Isomo: Yozefu asangira na bene se **Itangiriro 43 : 24-34**

Intego: Gufasha abana Kumenya ko abavandimwe bagomba gukundana bagafashanya

Incamake

Bene se wa Yozefu basubiye mu Misiri bajyanye wa muhererezi wabo. Ndetse bashyiriye Yozefu amaturo nk'uko se Yakobo yari yababwiye. Yozefu yabitayeho ababaza amakuru ya se bamubwira ko ari amahoro. Abonye Benyamini murumuna we, yagize urukumbuzi rwinshi rumutera kurira. Ariyumanganya, abicaza uko barutana mu myaka y'amavuko, abatimiriza ifunguro bararya baranywa baranezeranwa.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“Dorere, erega ni byiza ni iby'igikundiro ko abavandimwe baturana bahuje!” (**Zaburi 133: 1**)

Umukoro wo mu ishuri

Kuki Yozefu yitaruye bene se abonye murumuna we?
Ese Yozefu yishimiye bene se? Ni iki kibigaragaza?
Kuba Yozefu yaricaje bene se akurikije imyaka yabo y'amavuko bikubwiye?
Iyo mubonye umuvandimwe mwari mukumbuye cyane mumwakira mute?

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Kuramya Imana **Zaburi 19 : 1-6**

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa agaciro ko kuramya Imana no kuyihimbaza

Incamake

Ijuru, isi, imisozi n'ibiyiraho, inyanja, inzuzi, ibiyaga n'imigezi, izuba, ukwezi n'inzenyeri byose bisingiza Imana yabiremye. Ibyo byose ni imirimo y'intoki zayo. Ku manywa na nijoro ibyaremwe byose bihora bihimbaza Imana. Inyoni ziririmba, amazi asuma, akayaga keza gahuha ibiti bikanyeganyega, ibyo byose bihimbaza Imana. Umuntu rero we agomba guhimbaza Imana by'akarusho kuko yamuremye mu ishusho yayo.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“Muhimbaze Uwiteka mwa mirimo ye yose mwe, mumuhimbarize ahantu ateguka hose. Mutima wanjye himbaza Uwiteka” (**Zaburi 103:22**)

Umukoro wo mu ishuri

Kwigisha abana indirimbo ya 11 mu ndirimbo zo gushimisha Imana.

Umukoro wo mu rugo

Fatanya n’abo mubana guhimbaza Imana mu ndirimbo ukunda.

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Kuramya Imana (**Zaburi 19 : 7-15**)

Intego:

Abana bazasobanukirwa ko kubaha Imana bishoboza umuntu ayitunganira

Incamake

Ibyaremwe byose bihimbaza Imana. Kubaha Imana no kuyihimbaza ni byiza bituma umuntu ayitunganira. Umuntu ni ikiremwa kiruta ibindi kuko Imana yamuremye mu ishusho yayo. Umuntu ni we Imana yahaye amategeko kandi amategeko yayo aratunganye. Umuntu agomba kuyakurikiza kugirango agire imibereho iboneye. Kubaha Uwiteka bikwiriye kwifuzwa kuruta ikindi kintu cyiza cyose. Kubaha Uwiteka no kwitondera ibyo yategetse bizana ingororano.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“ Kubaha Uwiteka ni kwiza guhoraho iteka ryose. Amateka y’Uwiteka ni ay’ukuri ni ayo gukiranuka rwose”. (**Zaburi 19: 10**)

Umukoro wo mu ishuri

Gusenga: Mana ujye urinda umutima wanjye kugambirira gukora ibyaha.

Gushima: Shimira Imana ibyo yagukoreye.

Umukoro wo mu rugo

Fatanya n’abo mubana kuririmba indirimbo ya 11 mu zo gushimisha Imana

Icyumweru cya kane

Isomo: Igikombe cya Yozefu kiboneka mu isaho ya Benyamini. **Itangiriro 44 : 1-13**

Intego

Gufasha abana kumenya ko

Guhemuka bishyira umuntu mu ngorane

Igihe abantu bagize icyo bapfa bakwiye gushaka inzira yo kwiyinga.

Incamake

Yozefu yategetse igisonga cye kuzuza amahaho mu masaho ya bene se no gushyira igikombe cye cy’ifeza mu munwa w’isaho ya Benyamini. Bagitirimuka kwa Yozefu igisonga kibakurikira kivuga ko bibye igikombe umwami anywaramo. Mu kubasaka kiboneka mu isaho ya Benyamini. Ibyo byatumye basubika urugendo basubira ibwami kwisobanura. Bagumyeyo bafite agahinda n’ubwoba. Yozefu yababujije gutaha akoresheje amayeri kuko yashakaga uburyo bwo kuzabibwira no kwiyinga na bo.

Umurongo wo gufata mu mutwe

Mubabarirane ibyaha uko umuntu agize icyo apfa n'undi. Nk'uko Umwami wacu yabababariye abe ariko na mwe mubabarirana. **(Abakolosayi 3: 13)**

Umukoro wo mu ishuri


Ni nde wategetse ko bashyira igikombe mu munwa w'isaho ya Benyamini?

Ni nde wohereje intumwa kubuza abana ba Yakobo gutaha?

Umugambi wa Yozefu wari uwuhe? Wari uzwi na nde?

Umukoro wo mu rugo

Muri iyi mitwaro erekana umutwaro utameze nk'iyindi. Urumva ari uwande ?



UKWEZI K'UGUSHYINGO

Icyumweru cya mbere

Isomo: Yuda yemera kuba incungu ya Benyamini **Itangiriro 44: 14-23**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

Yozefu atigeze atekereza kwitura bene se ibibi bamukoreye

Yuda yagize ubutwari bwo kwihana mu izina rya bene se

Incamake

Gusanga igikombe cya Yozefu mu mufuka wa Benyamini byatunguye bene se, kuko batari bazi ko kirimo. Ibyo byabateye kwibwira mu mitima ko ari Imana ishyize ahagaragara icyaha bari barakoze cyo kwanga Yozefu no kumugurisha. Bahise bumva ko kigiye kubagiraho ingaruka yo kuba imfungwa. Yozefu yabasobanuriye ko adashobora kubitura ibibi bakoze. Yuda abibonye gutyo bimutera kwihana mu izina ry'abavandimwe be.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

“Hisha amaso yawe ibyaha byanjye, usibanganye ibyo nakiraniwe byose.”(Zaburi 51: 11).

Umukoro wo mu ishuri

Gusenga

Abana bibuke ibyaha baba barakoze mu cyumweru barangije, babyature babisabire Imana na bagenzi babisabire imbabazi. Nyuma umwigisha abasengere.

Umukoro wo mu rugo: Buri wese azasange uwo yibuka kandi ashobora kubona yagiriye nabi mu gihe gishize (ababyeyi babo, abarimu, abaturanyi, bagenzi babo) amusabe imbabazi.

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yuda yemera kuba incungu ya Benyamini **Itangiriro 44: 24-34**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

Kwihana ibyaha bihindura imibereho y’umuntu ikaba myiza

Uwahindutse by’ukuri ashobora no kwemera guhanwa mu cyimbo cy’abandi

Incamake

Iyo umuntu amaze kwihana abikuye ku mutima, atangira imibereho mishya. Irangwa no kuvugisha ukuri, kubahiriza ibyo yasezeranye, kutababaza abandi, kwemera guhanwa mu cyimbo cy’abandi biramutse bibaye ngombwa. Imana yashobije Yuda kubigeraho no kubigaragariza mu kwinginga Yozefu kugira ngo yemere kuba ari we ufungwa mu cyimbo cya Benyamini. Yesu yaratwitangiye, natwe tujye dufasha bagenzi bacu igihe cyose ari ngombwa.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya” **(2 Abakorinto 5:17)**

Umukoro wo mu ishuri

Rondora ibintu dukwiriye kwirinda kugira ngo tutababaza Imana, ababyeyi na bagenzi bacu. Erekana uko ushobora gufasha cyangwa kwitangira mugenzi wawe ?

Icyumweru cya gatatu

Isomo: Yozefu yibwira bene se **Itangiriro 45: 1-15**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

Ari ngombwa gukomeza gukunda n’abatugiriye nabi

Imana ishaka kudukoresha ibyiza

Incamake

N’ubwo Yozefu yajyanywe mu Misiri akuwe mu cyobo kirekire yari yajugunywemo na bene se nyuma bakamugurisha, yakomeje kubakunda no kubashakira ibyiza. Ibyo bigaragazwa n’uko ari we wafashe iya mbere mu kubagirira neza no kubibwira igihe bo batari bakimwibuka. Mu kubahumuriza no kubakomeza abamenyasha ko n’ubwo ibyamubayeho bari barabigizemo uruhare, we abibonamo ubushake bw’Imana. Imana yemeye ko agurishwa mu Misiri kugirango azagire akamaro mu gihe gikomeye.

Umurongo wo gufata mu mutwe

“None ntimubabare, ntimwirakarire yuko mwanguze ngo nzanwe ino kuko Imana ari yo yatumye mabanziriza ngo nkize ubugingo bw’abantu.” **(Itangiriro 45: 5).**

Umukoro wo mu ishuri:

Ni iki cyatumye Yozefu ahobera bene se arira?

Ni ibihe bikorwa Imana yakoresheje Yozefu mu Egipta?

Ni ibiki ushaka ko Imana izagukoresha mu gihe kizaza?

Icyumweru cya 4 Ugushyingo 2012

Isomo: Yozefu atuma kuri se Yakobo

Itangiriro 45: 16-28

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

Kugira neza bihesha umugisha ubikoze ndetse n’abo abikoreye

Ibyo Imana ikora bitangaje kandi bizana umunezero

Incamake

Kumenyana kwa Yozefu na bene se byatumye n’Umwami w’igihugu ndetse n’abakozi be nabo babamenya. Barabishimiye kandi babaha ibyo kurya bihagije byo gushyira ababyeyi babo. icyo gikorwa cyatumye kandi Umwami aha umuryango wa Yozefu uburenganzira bwo kwimukira mu gihugu cye, awizeza ko azawuha ibyo uzakenera byose ugeze muri icyo gihugu. Nyuma Yakobo nawe yaje kumenya ko Umwana we Yozefu akiriho, ashima Imana, yiyemeza kujya kumureba.

Umurongo wo gufata mu mutwe: Nuko aravugaga ati “Mbega igitangaza! Koko umwana wanjye Yozefu aracyariho! Reka nzajye kumureba ntarapfa! **(Itangiriro 45: 28 Bibliya Ijambo ry’Imana).**

Umukoro wo mu ishuri

Rondora imigisha kugira neza kwa Yozefu kwamuhesheje we n’umuryango we.

Gushima Imana: Shimira Imana nibura ibyiza 2 wibuka yagukoreye

Umukoro wo mu rugo: Buri wese azabaze ababyeyi ibyiza Imana ibakorera kugira ngo ku cyumweru gitaha azabiyishimire imbere y’iteraniro ry’abana.

UKWEZI K’ UKUBOZA

Icyumweru cya mbere

Isomo: Yakobo n’umuryango we bajya mu Misiri

Itangiriro 46: 1-6

Intego: Kugaragariza abana ko:

1. Umukristo agomba guhora yiragiza Imana
2. Imana yacu idusezeranya umugisha no kubana natwe

Incamake

Yakobo yasengeraga urugendo rwe rwo kujya mu Misiri, Imana yamusezeranije ko izakomeza kuba Imana ye, izamurinda, umuryango uzakomera kandi ko igihe nikigera izawugarura mu gihugu cyawo, ari cyo Kanani. Ntitukibagirwe na rimwe gusengera ibyo dukora.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Ndi Imana, Imana ya so, Imana yawe. Witinya, kuko abazagukomokaho nzabagira ubwoko bukomeye” (Itangiriro 46:3).

Umukoro wo mu ishuri: Sengera umurimo w’ ivugabutumwa mu bana no kwiga kwabo

Icyumweru cya kabiri

Isomo: Yakobo ahura na Yozefu

Itangiriro 46: 28-34

Intego : Gufasha abana gusobanukirwa ko bagomba kwita ku babyeyi babo

Incamake


Yakobo ageze mu Misiri, Yozefu yamwakiranye ibyishimo byinshi, aramuhobera cyane amarira ari yose. icyo kimenyetso cy'umunezero udasanzwe no kongera kubonana nyuma y'imyaka myinshi yari ishize, byatumye Yakobo yumva ko n'iyi yapfa nta mubabaro yajyana. Yozefu ntiyihareranye ibyo byishimo, amaze gusobanurira umubyeyi we iby'igihugu agezemo n'uko akwiriye kwifata, yihutiye kumenyesha umwami ayo makuru. No mu gihe tuzaba tumaze kuba bakuru tutakibana n'ababyeyi, tujye tubitaho.

Umurongo wo gufata mu mutwe “Umwana ufite ubwenge anezeza se ariko umupfapfa asuzugura nyina” (**Imigani 15: 20**)

Umukoro wo mu ishuri: Gukina agakino kerekana uko Yozefu yakiriye se Yakobo mu Misiri.

Umukoro wo mu rugo:

Huza iyi mibare uhereye ku munini ugana ku muto hanyuma usige amabara igishushanyo uvumbuye.



Icyumweru cya gatatu

Isomo: Yakobo kwa Farawo, **Itangiriro 47: 1-12**

Intego : Gusobanurira abana ko ari byiza gushimira ababagiriye neza

Incamate

Yakobo n'abana be bageze ibwami, Farawo yabakiranye urukundo n'ibyishimo arabaganiriza. Abaha aho gutura akurikije umwuga wabo n'ibindi byose bazakenera kugira ngo babeho neza. Yakobo nawe yamushimiye iyo neza amusabira umugisha ku Mana ye. Yakobo n'uwo mwami batubere urugero rwiza mu kwakira abadusura, abo duhura bese, no mu kuzirikana ibyo Imana idukorera n'abatugirira neza.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Yakobo arongerera asabira Umwami umugisha, nuko aragenda” **(Itangiriro 47:10 hakoreshejwe Bibiliya Ijambo ry’Imana).**

Umukoro wo mu ishuri

Umuntu umaze igihe atarya kubera ubukene aramutse aje iwanyu akaba ari wowe wenyine ahasanga wamukorera iki?
Gutegura umukino wa Noheli

Icyumweru cya kane

Isomo: Ubwenge nyakuri **Imigani 8: 12-28**

Intego : Gufasha abana gusobanukirwa ko ubwenge butangwa n’Imana kandi bushoboza umuntu boshoboza umuntu gukora ibyiza

Incamate

Ubwenge Imana itanga ni bwo bushoboza umuntu kunesha ikibi, kubaha Imana , kuvugisha ukuri. Ubwo bwenge ni nabwo bushoboza abayobozi kuyobora neza bugatuma abacamanza batagira uwo barenganya n’abakora indi mirimo bakayitunganya. Ubwo bwenge bwabayehombere y’uko isi n’ibiyiraho. Ufite ubwo bwenge bumugeza ku butunzi, arubahwa, aba afite ibya ngombwa kugira ngo abeho neza, kandi anyurwe n’uko ari. Ubwo bwenge dukwiriye kubuharanira kugira ngo budushoboze gukora ibyo Imana n’abantu badutegerejeho.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Maze ibwira umuntu iti : kubaha Uwiteka ni bwo bwenge kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka” **(Yobu 28:28)**

Umukoro wo mu ishuri

Watandukanya ute umuntu ufite ubwenge butangwa n’Imana n’ugaragaza gusa ubumenyi bwo mu ishuri?
Gutegura umukino wa Noheli

Umunsi mukuru wa NOHELI, tariki ya 25 Ukuboza 2013

Isomo: Gucungurwa **Yesaya 11 : 6-9**

Intego : Gufasha abana gusobanukirwa ko
ibya Yesu bwahanuwe mbere y’ivuka rye
Yesu yaje gukiza abantu ibyaha no guhindura ibintu bishya

Yesaya yerekanye ko kuvuka kwa Yesu byagombaga kuzahindura ibintu bikaba bishya. Abari basanzwe bangana bakiyunga, bagasangira, bakabana mu mahoro. Abakoraga ibibi bakabyihana bakabireka, abatari bazi Imana bakayimenya kandi bakayubaha, abatuye mu bihugu byose bagashima Imana, bakayikorera.

Noheli itwibutsa ivuka rya Yesu, itwibutsa ko turi mu bihe bishya, ibihe by’ubutegetsu bwa Yesu Kristo, ibihe byo kubana neza na bagenzi bacu ndetse n’ibindi byose Imana yaremye

Umurongo wo gufata mu mutwe : “Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye, azitwa igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, umwami w’amahoro” (Yesaya 9 :5)

Umukino : Abana barakina umukino bamaze iminsi bategura

Icyumweru cya gatanu

Isomo: Guhimbaza Imana Abacamanza 5: 1-10

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:
Kumvira Imana no gushyira hamwe bituma tunesha
Kuririmba no gushima Imana ku mugaragaro bimenyesha abandi imirimo Imana yakoze

Incamake

Imana yacu yumva amasengesho. Gusenga kw’Abisirayeli kwatumye ihagurutsa Debora na Baraki, bafatanyaga gutoranya ingabo z’Abisirayeli zo kujya ku rugamba, Imana irazikoresha zinesha Abanyakanani. Iyo ntsinzi ni yo yateye Debora guhimbaza Imana ayishimira imbaraga zayo kandi yamamaza ibyo yakoze byose.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Nzajya nshima Uwiteka nkiriho, nzajya ndirimbira Imana yanjye ngifite ubugingo” (Zaburi 146: 2)

Indirimbo yo gushima Imana: 415, 11

Umukoro wo mu ishuri: Vuga akamaro ko kuririmbira Imana

Umukoro wo mu rugo: Ku cyumweru gitaha buri wese azaze yateguye indirimbo yo gushima Imana azaririmba mu iteraniro.

